**ITEGEKO Nº 19/2010 RYO KUWA 09/06/2010 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'ICYICIRO CY'UBUKORIKORI**

**LAW Nº 19/2010 OF 09/06/2010 ON THE ORGANIZATION OF THE CRAFT SECTOR**

**LOI Nº 19/2010 DU 09/06/2010 RELATIVE A L'ORGANISATION DU SECTEUR ARTISANAL**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IBYICIRO BY'UBUKORIKORI N'IMPAMYABUSHOBOZI MU MWUGA W'UBUKORIKORI**

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'ubukorikori**

**Ingingo ya 4: Impamyabushobozi ku byiciro by'ubukorikori bitandukanye**

**Ingingo ya 5: Impamyabushobozi ku banyabukorikori bafite uburambe**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Interpretation**

**CHAPTER II: CRAFT CATEGORIES AND PROFESSIONAL QUALIFICATIONS IN THE CRAFT SECTOR**

**Article 3: Categories of craft activities**

**Article 4: Certificates for different craft categories**

**Article 5: Certificates entitled to experienced artisans**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Signification des termes**

**CHAPITRE II: CATEGORIES D'ARTISANAT ET QUALIFICATIONS PROFESSIONNELLES DANS LE SECTEUR ARTISANAL**

**Article 3: Catégories d'activités artisanales**

**Article 4: Certificats professionnels pour différentes catégories d'artisanat**

**Article 5: Certificats délivrés aux artisans expérimentés**

**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'UMWUGA W'UBUKORIKORI**

**Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo umuntu yitwe umunyabukorikori**

**Ingingo ya 7: Ibyo umunyabukorikori wo mu rwego ruciriritse yifashisha**

**Ingingo ya 8: Kwiyandisha kw'abanyabukorikori**

**Ingingo ya 9: Abanyabukorikori mu makoperative**

**Ingingo ya 10: Abanyabukorikori cyangwa umunyabukorikori nk'ikigo cy'ubucuruzi**

**Ingingo ya 11: Uburenganzira n'inshingano by'ikigo cy'ubukorikori gishamikiye ku kindi**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 12: Igihano cyo kutiyandikisha**

**CHAPTER III: ORGANIZATION OF THE CRAFT PROFESSION**

**Article 6: Requirements to qualify as a craftsperson**

**Article 7: Means used by a medium artisan**

**Article 8: Registration of artisans**

**Article 9: Artisans in cooperative organizations**

**Article 10: An artisan or artisans as a commercial company**

**Article 11: Rights and obligations of a subsidiary craft firm**

**CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 12: Sanction forfailure to register**

**CHAPITRE III: ORGANISATION DE LA PROFESSION D'ARTISANAT**

**Article 6: Conditions requises pour être qualifié artisan**

**Article 7 : Moyens dont se sert un artisan moyen**

**Article 8: Enregistrement d'artisans**

**Article 9: Artisans organisés en coopératives**

**Article 10: Entreprise commerciale d'un ou plusieurs artisans**

**Article 11: Droits et obligations d'une entreprise artisanale subsidiaire**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 12: Peine prévue pour non enregistrement**

**<u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo y'inzibacyuho**

**<u>Ingingo ya 14:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**<u>Ingingo ya 15</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**<u>Ingingo ya 16</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**<u>Article 13:</u> Transitional provision**

**<u>Article 14:</u> Preparation, consideration and adoption of this Law**

**<u>Article 15:</u> Repealing provision**

**<u>Article 16:</u> Commencement**

**<u>Article 13</u>: Disposition transitoire**

**<u>Article 14:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**<u>Article 15:</u> Disposition abrogatoire**

**<u>Article 16:</u> Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 19/2010 RYO KUWA 09/06/2010 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'ICYICIRO CY'UBUKORIKORI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 20 Mata 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18/09/2007 rigena ishyirwaho, imiterere

**LAW N° 19/2010 OF 09/06/2010 ON THE ORGANIZATION OF THE CRAFT SECTOR**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 20 April 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 93, 94, 108 and 201;

Pursuant to Law n°50/2007 of 18/09/2007 concerning the establishment, organization and

**LOI N° 19/2010 DU 09/06/2010 RELATIVE A L'ORGANISATION DU SECTEUR ARTISANAL**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 avril 2010;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 93, 94, 108 et 201;

Vu la Loi n° 50/2007 du 18/09/2007 portant création, organisation et fonctionnement des

n'imikorere y'amakoperative mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko n°07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n°13/2009 ryo kuwa 27 Gicurasi 2009 rigenga umurimo mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko n°31/2009 ryo kuwa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge;

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gutunganya umwuga w'icyiciro cy'ubukorikori no kugena ibisabwa kugira ngo ukorwe neza.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

functioning of cooperative organizations in Rwanda;

Pursuant to Law n°07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n°13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda;

Pursuant to Law n°31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property;

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One:</u> Purpose of this Law**

This Law organizes the craft sector and determines requirements for its better functioning.

**<u>Article 2</u>: Interpretation**

In this Law the following terms shall have the following meaning:

coopératives au Rwanda;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi nº13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du Travail au Rwanda;

Vu la Loi nº31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle;

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi**

La présente loi porte organisation du secteur artisanal et détermine les conditions requises pour son bon fonctionnement.

**<u>Article 2:</u> Signification des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont les significations ci-après:

1 º **ubukorikori:** umurimo uwo ariwo wose ugamije gukora cyangwa gutunganya ibintu, gusana cyangwa gutanga za serivisi, ukorwa n'umunyabukorikori wabigize umwuga kandi ukaba ukoreshejwe amaboko cyangwa hifashishijwe imashini, ku buryo buhoraho cyangwa budahoraho. Ubukorikori bwuzuzanya n'icyiciro cy'inganda bukigezaho abanyabukorikori babifitiye ubushobozi, ibikoresho na za serivisi z'ibanze;

2 º **umunyabukorikori:** umuntu ufite ubuhanga yavanye mu kazi cyangwa mu ishuri, akoresha mu mwuga we wihariye nk'umukozi cyangwa rwiyemezamirimo, akagira uruhare we ubwe kandi kenshi, mu kurangiza umurimo we wo gukora ibintu cyangwa gutanga za serivisi;

3 º **uwiga ubukorikori:** umuntu ukiri mu rwego rucirirtse wigira ku bandi banyabukorikori babishoboye kandi babifitemo uburambe;

1 º **crafts sector:** any activity of production, transformation, repair or delivery of services, executed by a qualified and professional artisan manually or using machines and is exercised on full or part-time basis. The crafts sector complements the industrial sector by providing it with qualified artisans, equipment and primary services;

2 º **artisan:** a person informally experienced or formally qualified in the execution of his/her particular profession as employee or as entrepreneur, taking personally and usually part in the execution of the work consisting in the production of goods or providing services;

3 º **journeyperson**: an artisan working in a subordinate position who learns from other qualified and experienced artisans;

1 º **artisanat :** toute activité de production, transformation, réparation ou prestation des services entrepris par un artisan qualifié et professionnel, réalisée manuellement ou de façon mécanisée et exercée à temps plein ou partiel. L'artisanat se complète avec le secteur industriel en lui fournissant des artisans qualifiés, des équipements et des services de base;

2 º **artisan:** une personne ayant une qualification obtenue de façon informelle ou formelle lui permettant d'exercer sa profession particulière en tant qu'employé ou entrepreneur, prenant part personnellement et habituellement à l'exécution du travail consistant dans la production de biens ou la prestation de services;

3 º **compagnon:** un ouvrier travaillant en subordination qui acquiert ses aptitudes d'autres artisans qualifiés et expérimentés;

4 º **umunyabukorikori wabigize umwuga:** umuntu ukora umurimo w'ubukorikori abizi neza kandi buri gihe ibikorwa bye bigahora binoze;

5 º **umunyabukorikori wabyigiye:** umuntu wigiye mu kigo cyemewe kandi wabiherewe impamyabumenyi;

6 º **umunyabukorikori mukuru:** umuntu ufite ubumenyi ku rwego rusumba izindi mu by'ubukorikori kandi mu byo yize hagomba kubamo ubumenyi nsobanuro n'ubumenyi ngiro;

7 º **ikigo cy'ubukorikori:** ikigo cy'uwikorera, Koperative cyangwa sosiyete gikora umurimo w'ubukorikori kandi kiyoborwa n'umunyabukorikori;

8 º **ikigo cy'ubukorikori gishamikiye ku kindi kigo:** ikigo cyifatanyije n'ikindi kigo gikora imirimo itandukanye iy'ubucuruzi n' ibyara inyungu.

4 º **professional artisan:** person who practices craftwork and consistently produces products of high quality;

5 º **trained journeyperson:** person who has gained his/her skills from recognized institution and who has a degree;

6 º **master artisan:** person with the highest level of education in crafts. The professional education includes theoretical exposure and practical work;

7 º **crafts firm**: a private firm, cooperative or company doing business in craft industry and run by a craftsperson:

**8º a subsidiary craft firm:** a craft firm joined to another firm involved in commercial and other income generating activities.

4 º **artisan professionnel** : personne qui exécute des travaux d'artisanat et produit régulièrement des produits de haute qualité;

5 º **compagnon formé:** une personne ayant acquis ses aptitudes d'une institution reconnue et qui a obtenu un diplôme ;

6 º **maître artisan:** personne qui a un niveau d'études le plus élevé du domaine artisanal. Sa formation professionnelle inclut la théorie et la pratique;

7 º **entreprise d'artisans:** toute entreprise individuelle ou coopérative ou une société qui fait de l'artisanat et qui est gérée par un artisan;

**8º une entreprise d'artisans subsidiaire**: une entreprise d'artisans attachée à une autre entreprise qui effectue différentes activités commerciales et génératrices de revenus.

**UMUTWE WA II: IBYICIRO BY'UBUKORIKORI N'IMPAMYABUSHOBOZI MU MWUGA W'UBUKORIKORI**

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'ubukorikori**

Ubukorikori bugizwe n'ibyiciro by'imyuga bitandukanye kandi buri cyiciro kigizwe n'imyuga y'ubwoko bumwe.

Ibyiciro by'ubukorikori birebwa n'iri tegeko ni ibi bikurikira:

1 º ubudozi;
2 º ububaji;
3 º ububoshyi;
4 º gutaka;
5 º gutunganya ibikomoka ku mpu;
6 º gutunganya ibikoresho bikomoka ku ruvangitirane rw'ibintu;
7 º gutunganya ibikomoka ku byuma;
8 º gutunganya ibikomoka ku mabuye y'agaciro;
9 º ubwubatsi;
10 º ububumbyi;
11 º serivisi zo mu rwego rw'ubukorikori.

Minisitiri ufite ubukorikori mu nshingano ze

**CHAPTER II: CRAFT CATEGORIES AND PROFESSIONAL QUALIFICATIONS IN THE CRAFT SECTOR**

**Article 3: Categories of craft activities**

The crafts shall consist of different professional categories which are each comprised of professions of the same kind.

The crafts categories governed by this Law shall be the following:

1 º tailoring;
2 º carpentry;
3 º tapestry;
4 º decoration;
5 º hides and leather work;
6 º processing;
7 º metal work;
8 º stonework;
9 º construction;
10 º ceramics and pottery;
11 º craft sector services.

The Minister in charge of crafts shall update

**CHAPITRE II: CATEGORIES D'ARTISANAT ET QUALIFICATIONS PROFESSIONNELLES DANS LE SECTEUR ARTISANAL**

**Article 3: Catégories d'activités artisanales**

L'artisanat comprend différentes catégories professionnelles dont chacune englobe les professions de même type.

Les catégories d'artisanat régies par la présente loi sont les suivantes :

1 º couture ;
2 º menuiserie ;
3 º tressage ;
4 º décoration ;
5 º tannage et maroquinerie ;
6 º transformation ;
7 º travail du métal ;
8 º orfèvrerie ;
9 º construction ;
10 º céramique et poterie ;
11 º services dans le secteur artisanal.

Par voie d'arrêté Le Ministre ayant

akoresheje iteka yuzuza urutonde rw'ibyiciro by'ubukorikori.

**Ingingo ya 4: Impamyabushobozi ku byiciro by'ubukorikori bitandukanye**

Ibikurikizwa mu kugena Impamyabushobozi mu byiciro bitandukanye by'abanyabukorikori bishingira kuri gahunda y'Igihugu igena uko impamyabushobozi zitangwa.

Iteka rya Minisitiri ufite amashuri y'imyuga mu nshingano ze rigena impamyabushobozi zijyanye n'ibyiciro by'ubukorikori bivugwa muri iri tegeko.

**Ingingo ya 5: Impamyabushobozi ku banyabukorikori bafite uburambe**

Umunyabukorikori ufite uburambe mu kazi ukora umwuga atarawigiye ashobora guhabwa impamyabushobobozi ijyanye n'icyiciro cy'ubukorikori arimo nyuma yo gukora ikizamini. Minisiteri ifite amashuri y'imyuga mu nshingano zayo ishyiraho uburyo bwo gutegura no gutanga ibizamini.

the list of crafts categories through the issuance of an Order.

**Article 4: Certificates for different craft categories**

Criteria for determination of certificates corresponding to the different crafts categories shall be determined in compliance with National Qualifications Framework principles.

An Order of the Minister in charge of vocational training shall determine certificates corresponding to the crafts categories provided for in this Law.

**Article 5: Certificates entitled to experienced artisans**

An experienced artisan who performs his/her activities without qualification may be given a certificate relative to the level of craft after being examined. The Ministry in charge of vocational training shall determine modalities for organizing and conducting tests.

l'artisanat dans ses attributions met à jour la liste de catégories d'artisanat.

**Article 4: Certificats professionnels pour différentes catégories d'artisanat**

Les critères de détermination de certificats correspondant aux différentes catégories d'artisanat sont fixés conformément aux principes du Cadre National de Qualifications.

Un arrêté du Ministre ayant la formation professionnelle dans ses attributions détermine les certificats correspondant aux catégories d'artisanat prévues par la présente loi.

**Article 5: Certificats délivrés aux artisans expérimentés**

Un artisan expérimenté sans qualification peut obtenir un certificat correspondant à la catégorie d'artisanat dans laquelle il appartient après passation d'un examen. Le Ministère ayant la formation professionnelle dans ses attributions détermine les modalités de préparation et de passation d'examens y relatifs.

**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'UMWUGA W'UBUKORIKORI**

**Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo umuntu yitwe umunyabukorikori**

Kugira ngo umuntu yitwe Umunyabukorikori agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1 º gukora umwe mu myuga y'ubukorikori uvugwa mu byiciro biteganwa n'iri tegeko;

2 º kugira impamyabushobozi mu bukorikori;

3 º kwiyandikisha nk'umunyabukorikori.

Kugira ngo umuntu abe umunyabukorikori mukuru, agomba kuba yarize amashuri y'imyuga mu bigo byemewe kandi yaratsinze ibizamini, no kuba afite uburambe bw'imyaka itatu (3) mu kazi nk'umunyabukorikori.

**Ingingo ya 7: Ibyo umunyabukorikori wo mu rwego ruciriritse yifashisha**

Umunyabukorikori, nka rwiyemezamirimo wo mu rwego ruciriritse, yemerewe kwifashisha abagize umuryango we cyangwa abakozi

**CHAPTER III: ORGANIZATION OF THE CRAFT PROFESSION**

**Article 6: Requirements to qualify as a craftsperson**

In order for a person to qualify as an artisan, he/she shall:

1 º perform one of the crafts categories provided for under this Law;

2 º posses a professional certificate in craft;

3 º be registered as an artisan .

In order for a person to become a master artisan, he/she shall be required to have acquired vocational training in crafts in a recognized institution required to have passed an exam and to have three (3) year experience as an artisan.

**Article 7: Means used by a medium artisan**

An artisan, as a small scale entrepreneur, is permitted to seek assistance from his/her family members or workers or use machines

**CHAPITRE III: ORGANISATION DE LA PROFESSION D'ARTISANAT**

**Article 6: Conditions requises pour être qualifié artisan**

Pour être qualifié artisan, il faut remplir les conditions suivantes:

1 º exercer l'une des catégories des activités artisanales établies par la présente loi;

2 º être titulaire d'un certificat professionnel dans le domaine de l'artisanat;

3 º être enregistré comme artisan.

Pour être qualifié maître artisan, il faut avoir acquis sa formation professionnelle dans le domaine de l'artisanat dans les institutions reconnues, avoir passé un examen et avoir une expérience de trois (3) ans de travail comme artisan.

**Article 7 : Moyens dont se sert un artisan moyen**

Un artisan, en tant que petit entrepreneur, peut se faire aider par les membres de sa famille ou des ouvriers ou utiliser des

cyangwa agakoresha imashini kugira ngo arangize iyo mirimo.

**Ingingo ya 8: Kwiyandisha kw'abanyabukorikori**

Iyandikwa ry'umunyabukorikori nk'umucuruzi wikorera, nk'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa nka koperative bigomba gukurikiza amategeko abigenga.

Mu gihe cyo kwiyandikisha, umunyabukorikori agaragaza aho akorera cyangwa azakorera.

Abanyabukorikori bose bagomba kwiyandikisha hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 9: Abanyabukorikori mu makoperative**

Abanyabukorikori bakora umwuga umwe cyangwa imyuga ifite aho ihuriye bashobora kwibumbira hamwe bagashinga koperative. Muri icyo gihe, bagengwa n'itegeko rigenga Amakoperative mu Rwanda.

for the execution of his/her activities.

**Article 8: Registration of artisans**

Registration of an artisan as an individual trader, a commercial company or a cooperative organization shall conform to the applicable Laws.

During the registration process, the artisans shall indicate where he/she operates or intends to operate.

All artisans shall be required to register in conformity with the provisions of this Law.

**Article 9: Artisans in cooperative organizations**

Artisans of the same or related professions may associate to form a cooperative organization. In such a case, they shall be governed by the Law governing cooperative organizations in Rwanda.

machines-outils pour l'accomplissement de ses activités.

**Article 8: Enregistrement d'artisans**

L'inscription des artisans à titre de commerçant individuel, d'entreprise commerciale ou d'organisation en coopérative se fait conformément aux lois applicables.

Lors de l'enregistrement, l'artisan indique le lieu d'exercice de sa profession.

Tous les artisans doivent se faire enregistrer, conformément aux dispositions de la présente loi.

**Article 9: Artisans organisés en coopératives**

Les artisans pratiquant une même profession ou des professions connexes peuvent s'associer et former une coopérative. Dans ce
cas la coopérative est régie par la loi régissant les coopératives au Rwanda.

**<u>Ingingo ya 10:</u> Abanyabukorikori cyangwa umunyabukorikori nk'ikigo cy'ubucuruzi**

Umunyabukorikori cyangwa abanyabukorikori bishyize hamwe bashaka gushinga ikigo cy'ubucuruzi bagengwa n'amategeko agenga ubucuruzi.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Uburenganzira n'inshingano by'ikigo cy'ubukorikori gishamikiye ku kindi**

Ikigo cy'ubukorikori gishamikiye ku kindi kigo gifite uburenganzira n'inshingano bisesuye bingana n'iby'ibindi bigo by'ubukorikori.

**<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>Ingingo ya 12:</u> Igihano cyo kutiyandikisha**

Bitabangamiye andi mategeko, umunyabukorikori utazubahiriza ibikubiye muri iri tegeko, ahanishwa igihano cy'ihazabu y'amafaranga ibihumbi mirongo itatu y'u Rwanda (30. 000Frws)**.**

**<u>Article 10:</u> An artisan or artisans as a commercial company**

An artisan or artisans who join to form a commercial company shall be governed by commercial Laws.

**<u>Article 11:</u> Rights and obligations of a subsidiary craft firm**

A subsidiary craft firm shall be entitled to full and equal rights and obligations as those of other craft firms.

**<u>CHAPTER V</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 12:</u> Sanction for failure to register**

Without prejudice to other Laws, an artisan who fails to respect the provisions of this Law shall be subject to a fine of thirty thousand Rwandan Francs (30.000 RWF).

**<u>Article 10:</u> Entreprise commerciale d'un ou plusieurs artisans**

Un ou plusieurs artisans qui s'associent en vue de former une société commerciale sont régis par les lois régissant le commerce.

**<u>Article 11</u>: Droits et obligations d'une entreprise artisanale subsidiaire**

Une entreprise artisanale subsidiaire jouit à part entière des mêmes droits et obligations que ceux d'autres entreprises artisanales.

**<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**<u>Article 12:</u> Peine prévue pour non enregistrement**

Sans préjudice d'autres lois, tout artisan qui ne se conforme pas aux dispositions de la présente loi est passible d'une amende de trente mille (30.000) francs rwandais.

**Ingingo ya 13: Ingingo y'inzibacyuho**

Abanyabukorikori cyangwa ibigo by'ubukorikori bisanzwe bikora uwo murimo bihawe igihe kitarenga imyaka ibiri (2) uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo abanyabukorokori babe baryubahirije.

**Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 16 Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 13: Transitional provision**

Existing artisans or craft firms shall have a maximum of two (2) years from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to abide its provisions.

**Article 14: Preparation, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 15: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 16: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 13: Disposition transitoire**

Les artisans ou les entreprises artisanales opérant dans le secteur de l'artisanat dispose d'une période maximale de deux (2) ans à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour s'y conformer.

**Article 14: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Article 15: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 16: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 09/06/2010

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 09/06/2010

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 09/06/2010

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux